”PAUL KAGAME AFITANYE AMABANGA MENSHI NA PENTAGONE/CIA”: ITEGURWA N’ISHYIRWA MU NGIRO BYA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI BABAGA MU RWANDA MU 1994 (II).

”Paul Kagame afitanye amabanga menshi na Pentagone”. Aya ni amagambo ya Faustin Twagiramungu mu kiganiro, ushobora gusoma aho handikishijwe ubururu, yagiranye n’umunyamakuru Serge Ndayizeye kuri Radiyo itahuka ivugira kuri murandasi tariki ya 27/06/2017. Kuri njye, iki kiganiro gifite akamaro gakomeye cyane kuburyo numva kigomba kubikwa aho imvura itagwa: **igihe Leta ya Paul Kagame izaba yahirimye kizakoreshwa mukuyicira urubanza no kugaruza umutungo w’igihugu cyacu n’uwacu bwite wibwe na FPR- Inkotanyi,** kuko ”ntagahora gahanze”.

Reka twikomereze ku mabanga menshi kandi akomeye cyane Paul Kagame afitanye na Pentagone/CIA; kugirango dukomeze gusobanukirwa neza n”**uko Paul Kagame yatanzeho ibitambo abatutsi”** babaga mu Rwanda mu 1994 kubera inyungu ze bwite n’inyungu z’Amerika. Turaza no gusobanukirwa impamvu n’uburyo Inkotanyi zatsinsuye Inzirabwoba, bitazigoye cyane.

Guhera ku munota **32 kugeza ku wa 40** w’ikiganiro, Serge Ndayizeye abaza Twagiramungu, ati”… *ukeka ko Kagame we ubudahangarwa abukura he bwo kuba adakurikiranwa kuri ibyo byaha, atabazwa iyicarubozo akorera abenegihugu, atabazwa imiyoborere mibi no kwica Abanyarwanda akora, ubwo budahangarwa abukura he?… kuki Kagame bâaba bamukingira ikibaba?*”

Faustin Twagiramungu, ati ”***Kagame afite amabanga menshi afitanye n’abazungu b’abanyamerika****, kandi abo bazungu b’abanyamerika* ***ntabwo baba banari muri Leta*** *ngo bagaragare kimwe na bariya bita ba ”Secretaire d’Etat”. Ni abantu baba* ***bari mu nzego z’iperereza****, cyane cyane abantu* ***bari mu bintu bya gisirikari.*** *Abo rero nibo baziranye na Kagame, ni bo bamubereye umwugariro ukomeye cyane, ni bo ’bamuproteja’. Kukoo… ntabwo ari ibanga. Nanjye nagiye muri ’Departement d’état’, ngirango hari muri 1996. Naravuze cyaneee, mvuga iby’imikorere ya Prezida Kagame na Bizimungu. Ariko aho ntibanyumvise. Bagezaho barambwira, ngo ibyiza ni uko twakurangira ahantu bakakujyana yo, akaba ari ho usobanurira ibintu byawe.*

Muri ’Département d’état’ bampaye imodoka ebyeri, imwe yariri imbere, indi yariri inyuma ni yo narindimo, banjyana muri ***’Pentagone.****’ … Naragiye ndavuga rero..., ubwo byatumye menya ibintu byinshi. Kuri* ***Kagame*** *rero ni umuntu warezwe muri ibyo bintu byo kuneka, byo guteranya abantu,* ***byo kurimbura abantu…*** *kandi yabitangiye ari umwana. Ibyo ni ibintu batangiye ku gihe cya Amine bari mu mayira, ku mihanda iyo ngiyo… biga* ***amayeri yo kurigisa abantu****. … Abanyamerika rero ni abantu biga ibya* ***’busikoloji’****,* ***baramwize*** *basanga ari umuntu ufite ibyo bagomba kujya bakorera ibihugu bikennye, bagakoresha benewabo. Ni ko bakora rero.*

No muri Kongo ni ko báakoze. ***Ntabwo uzi urupfu Lumumba yapfye!!!****? … Baramuhambiriye nkaho atigeze aba umugabo. Lumumba, baramuhambiriye! Bamuha abatindi b’abirabura, bakajya bakoza ibitambaro mu nkari (no mu mabyi) bakamukoza ku munwa (bakamuha ngo anywe cyangwa arye. Niba uzi icyongereza kanda aha wumve n’ubu buhamya!). Yabigambaniwemo na nande? Yabigambaniwemo na Mobutu. Mobutu wabonye ukuntu bamuzamuraaa, yari umuntu w’umukarane wa Lumumba, baramuzamura bamujyana mu* ***bushorishori****. Arategeka.*

Muri 1972, njye nasomye mu kinyamateka cyitwa ’The New York times’, icyo gihe nari i Montréal, bemeza ko (Mobutu) akorana na ***CIA*** *kandi ko bamuha 300.000$ ‘par mois’. (Mobutu)* ***yakoranye na ‘Aprtheid’ cyane ku buryo butangaje uriya Mobutu****!* ***Kagame rero ni bene nkabo****. Ubona yigira ‘nationaliste, il n’a rien de nationalisme’. Kagame ni umuntu ukorana n’abo bazungu. Abo*

bazungu bafite amabanga yo gukomeza kudindiza iriya Kongo. Ibi ni ibintu bifite amateka maremare. …

(Ibihugu byose by'Afurika bimaze kuba 'independant', bo, Abanyamerika) bashyizeho abantu babo bayobora (= bakoresha). Bakajya bababwira ibyo bakora. … Bashyiraho abantu babo! Ni abo ba Mobutu rero, ni abo ***ba Kagame****… Abo* ***ni bo baagica*** *! Ni bo basigaye bahagarariye icyo umuntu yakwita* ***'neocolonisation'****. Kongo ubu yabaye igipampara kubera Kagame ! ...*

Ibyo ubona yigira byose ni uko azi ko ***bashebuja*** *bakimufitiye inshingano zikomeye zo kugirango akomeze ananize Kongo. Uburundi bwo… Nyagasani yaratugobotse, bwaramunaniye, nta ko atagize. Yashatse gukoresha ya* ***meyeri ye ya kera****, amwe yakoresheje kwa ba Habyarimana batarajijuka (=* ***gutangaho igitambo Abatutsi b'abarundi nkuko yabikoze ku batutsi babaga mu Rwanda mu 1994****), byarananiranye…*

Ku kibazo cyawe rero, nta kindi gituma iby'iwacu bitagenda kuko kuri njye no ***gukomeza kurwanya Kagame wenyine abantu baba bibeshya, n****i ukongera abantu bato bagahaguruka bagakora nk'ibyo ba Lumumba bakoraga, bakongera bagashyiraho '****un autre mouvent panafricaniste' yo gutabara 'le continent'****… ».*

Nanjye, nti « urabe wumva mutima muke wo mu rutiba, ni wowe ubwirwa ».

Twavuga iki kuri iki gisubizo cy'umukambwe w'inaribonye muri politiki ? Ibintu bine by'ingenzi :

A. **Muri Amerika igisirikari/CIA ni byo bitegeka;**
B. **Guverinoma y'abasirikari y'Amerika n'umwanzi wa demokarasi n'uburenganzira bw'ikiremwamuntu ku isi hose;**
C. **Guverinoma ya gisirikari y'Amerika ikunda Paul Kagame kuko ari umwicanyi kabuhariwe… n'umugambanyi nka Mobutu;**
D. **Ntushobora guhindura politiki ruvumwa y'Abanyamerika (ku Rwanda) uterekanye ko ufite ingufu n'icyo uzamarira Amerika**.

Reka dusesengura izi ngingo mu magambo make:

A. <u>Muri Amerika abasirikari na CIA ni bo bategeka.</u>

Ibi ni byo Twagiramungu atubwira, iyo atumenera ibanga, ko yagiye muri Département d'Etat bakamubwira ko ikibazo cye batagishobora, ko **hari izindi nzego zo hejuru zo kugikemura arizo Pentagone/CIA**. Ni ukuvuga igisirikari. Ibi bisobanura ibintu bine:

a. <u>Muri Amerika hari guverinoma ebyeri:</u>
   - iyo kwereka abanyamahanga y'abasivile (agakingirizo)
   - n'iy'abasirikari/CIA ifata ibyemezo.
   - guverinoma y'abasivile ni yo igaragaza "archives" zayo nyuma y'imyaka 20.
   - **Kirazira gutangaza amabanga ya Pentagone/CIA y'ubwicanyi ndengakamere!**

b. <u>Habyarimana n'Inzirabwoba ze zatsinzwe kubera ko zakoranaga na guverinoma y'Amerika y'abasivile (y'agakingirizo):</u>
   - Paul Kagame we yakoranaga n'abasilikari (guverinoma ifata ibyemezo), Pentagone/CIA.
   - Pentagone/CIA na Kagame nta mishyikirano… na za Arusha bagiyemo. Bikomereje gahunda yabo yo kumena amaraso, gutsinda intamba no kujya kwiba Kongo, mpaka babigezeho. C'est tout!

- **Paul Kagame asuzugura guverinoma y'Amerika y'abasivile.**
- abamurwanya bagomba gukoresha imbunda no kwereka guverinoma ya gisirikari y'Amerika inyungu izabona nibatsinda iyo intambara.

c. Inzirabwoba ntizatsinzwe na APR-Inkotanyi nk'uko zibyirata, ahubwo zatsinzwe n'igisirikari cy'Amerika/CIA, cyarigishigikiye Inkotanyi mu ibanga rikomeye.

Urugero: plan y'intambara, harimo n'itegurwa rya Jenoside, yateguwe na Pentagone/CIA..., renseignement/za satelites, ... ibikoresho bimwe na bimwe bya gisirikari no kuzishyigikira mu rwego rwa "diplomatie" byatanzwe, na n'ubu bitangwa, na guverinoma ya gisirikari y'Amerika: Pentagone/CIA.

d. Ubutegetsi bwa Paul Kagame bwubatse neza neza nk'ubw'Amerika.

- Paul Kagame avuye muri Amerika gufata "plan" y'uko agomba kuyobora intambara mu nyungu z'amerika, yahise yubaka FPR nk'unko ubutegetsi bw'Amerika nyine bwubatse:

1. **Gushyiraho FPR y'agakingirizo y'abasivile** iyobowe kandi irimwo abahutu nka **Kanyarengwe, Bizimungu, Sendashonga...**

. Iyi FPR y'agakingirizo ni yo yakoranaga na guverinoma y'Amerika y'abasivile; Fautin Twagiramungu we yita "*bariya bita ba **'Secretaire d'Etat'**"*.

. Iyi FPR ni yo yabeshye abahutu nka ba Rukokoma, Mugenzi, Agatha Uwiringiyimana ... na (guverinoma ya Habyarimana) ko ishishikajwe no gukemura burundu ikibaza cy'impunzi no kuzana demokarasi mu Rwanda kandi nta byemezo ifata.

. Iyi FPR y'agakingirizo ni yo yagiye za Arusha kugirana ibiganiro n'ubutegetsi bwa Habyarimana, igashobora kubeshya n'abazungu nk' Abafaransa n'Ababiligi ko ishikajwe n'ineza y'u Rwanda, kandi "**igizwe n'ibigarasha bicitse"**.

. Iyi FPR y'agakingirizo ni yo major Rudasingwa ahamya ko kuyishyirwamo uri umuhutu "**byari amacenga!**".

2. **Gushyiraho FPR igizwe n'abasirikari gusa, (bamwe bita DMI) yo gukorana n'indi guverima y'abasirikari y'Amerika:**

. Iyi FPR ni yo Evode Uwizeyimana yita "AGATSIKO K'AMABANDI ..."

. Iyi FPR ni yo yariyobowe, na n'ubu ikiyobowe, na Paul Kagame wenyine kuko **ariwe wenyine wari ufite "plan" y'intambara yahawe na Pentagone/CIA.**

. Iyi FPR ni yo yemeye gutangaho ibitambo abatutsi babaga mu Rwanda mu nyungu zayo bwite no mu nyungu z'Amerika

. Byumvikane aha neza, iyi "plan" y'intabara ni yo mabanga akomeye cyane Paul Kagame afitanye na Pentagone/CIA, ni yo ituma akingirwa ikibaba. Iyi plani y'intambara ni yo yamugize "impanga ya Yezu".

. Iyi FPR ntiyigeze igaragara mu mishyikirano n'imwe; icyari kiyishishikaje kwari gufata ubutegetsi. Mbese kubahiriza plani nkuko yateguwe na Pentagone/CIA.

- Iyi FPR ni na yo iyobora u Rwanda kugeza ubu yica agakiza uwo ishaka

- Ntawe utazi ko ari agatsiko k'abofisiye b'abasirikari konyine mu Rwanda gafata ibyemezo (kagiriwemo inama n'abanyamahanga nka Bill Clinton, Tony Blaire…)

- Ntawe utazi ko hari guverinoma y'agakingirizo karimo n'abahutu

- Ibi byose bisobanura impamvu abasirikari bose bakuru ndetse n'ab'igipolisi mu Rwanda bagizwe n'abatutsi gusa.

B. <u>Guverinoma ya gisirikari y'Amerika ni umwanzi wa demokarasi n'uburenganzira bwa muntu ku isi hose.</u>

a. Ubutegetsi bwa gisirikari, Pentagone na CIA, ni bwo bufata ibyemezo byo gutera no kujya kwiba ibihugu bikennye
b. Ubutegetsi bwa gisirikari bwose ntibwumva akamaro k'uburenganzira bwa muntu na demokarasi

c. Kuri bwo Demokarasi n'uburenganzira bwa muntu n'ibikoresho bya propagande y'itambara no gutera ibindi bihugu (urugero mu Burundi, ibuka uko bashegeshe Habyarimana)
d. Iyo ubu usaba demokarasi n'uburenganzira bwa muntu mu Rwanda**, uba uri "umwanzi" wa guverinoma ifata ibyemezo y'abasirikari y'Amerika.**

C. <u>Guverinoma ya gisirikari y'Amerika ikunda Paul Kagame kuko ari umwicanyi ruharwa n'umugambanyi.</u>

a. Yagambaniye Rwigyema nk'uko Mobutu yagambaniye Lumumba

b. Abanyamerika bazamuye Paul Kagame, bamugeza mu bushorishori nkuko bazamuye Mobutu, kubera kagambana no kumena amaraso ya benewabo
c. Ni umwicanyi ruharwa kuko "yatanzeho ibitambo abatutsi babaga mu Rwanda mu 1994" akamarira n'Abahutu n'Abanyekongo ku icumu.

d. Uko Mobutu yashigikiye Apartheid muri Afurika y'epfo ni na ko Paul Kagame yayubatse mu Rwanda ivanguramoko hagati y'Abahutu n'Abatutsi

e. Paul Kagame ni nka ba birabura bagurishaga benewabo n'abazungu ngo bajye kuba abacakara muri Amerika.

D. <u>Guverinoma y'agatsiko y'Abanyamerika ireba inyungu z'Amerika gusa kandi ikorana n'abafite ingufu gusa:</u>

a. Kugirango Amerika irekure Kagame, opozisiyo igomba kuyereka ko inganya cyangwa isumbya ingufu Kagame

b. Ntibyagerwaho hatabaye za "rebelions" nk'izo mugihe cya ba Lumumba no gukorana n'abandi banyamahanga bashishikajwe no kurwanya "néocolonialisme" y'Abanyamerika.
c. Ni ngombwa kwereka guverinma y'abicanyi y'Amerika inyungu izabona mu butegetsi bwawe kugirango igufashe.

d. Niba Kagame yarasezeranye kuzayifasha kwiba umutungo wa Kongo, n'ubu akaba abikora, opozisiyo yo iyisezeranya kuzayiha iki?

UMWANZURO

Umuntu yabaza, ati mbese guverinoma ya gisirikari y'Amerika na yo igizwe n'abicanyi ruharwa n'abagambanyi koko?

Ndamusubiza, nti ibyo bo bakora by'ubwicanyi n'ubujura "**bikubye nka nshuro 1.000**" ibyo Paul Kagame akora. Ibi ni umunyeshuri n'umukozi wabo Paul Kagame, ubwe, ubyemeza. Ubishaka wabibona kuri "youtube" abivuga nyuma yo guhotora col. Karegeya. Twagiramungu aratanga urugero rw'**ukuntu bishe Lumumba. Njye, ndahamya ko bafatanije na Kagame gutegura Jenoside yakorewe abatutsi…, kwica Rwigyema, gutangiza Jenoside, gutera no gutsembatsemba impunzi z'abahutu n'Abanyekongo. Guverinoma ya gisirikari y'Amerika na guverinoma ya Kagame, bose ni abajura b'ingufu… Reba uko bakoze Irak, … Libiya n'aho bageze Siriya, urumirwa!**

Gusa hari **itandukaniro rinini cyaneee hagati ya guverinoma ya Paul Kagame (agatsiko) na guverinoma ya gisirikari y'Amerika:**

a. **Kuri Kagame, umwanzi we wa mbere**:
   - ni ubwoko bwe, abaturage b'iguhugu cye. Abo ni bo atsembatsemba.
   - ni Abanyafurika muri rusange agambanira. Mwibuke uko yagambaniye Rwigyema, akagambanira Habyarimana, Mobutu, LD Kabira, none ubu akaba ari kugambanira Nkurunziza kuri Bampatsibihugu. Ariko uwambabaje cyane yagambaniye ni Khadafi wa Libiya !

b. **Kuri guverinoma ya gisirikari y'Amerika, umwanzi wayo** :

   - ni igihugu cyose ishaka guhindura ubutetsi burimo kuko butayifasha gusahura icyo gihugu uko ibyifuza
   - ni ubutegetsi butubahiriza amategeko ibuha ngo bagambanire abakuru b'ibindi bihugu n'ibindi bihugu
   - ni abitwa abateroriste

c. Ndasaba abanyamashyaka, abaduhagarariye, kumva no kumenya ko kurega Kagame Jenoside..., ubwicanyi ndengakamere, ubujura, kutubahiriza demokorasi n'uburenganzira bwa muntu kuri Amerika ari uguta igihe. Ni « ukurega umwana kuri nyina ». Ni ugutuma guverinoma y'abicanyi b'Amerika irushaho kumukunda no kumushyigikira ! **None hakorwa iki ?** Iriya guverinoma ya gisirikari y'Abanyamerika ireba ufite ingufu (= iza gisirikari, iza politiki n'iz'amafaranga gusa) akaba ari yo ishigikira, ikorana na we. Ubwo rero opozisiyo igomba gukora za rebelions, ikerekana ingufu za politike zigaragara n'amafaranga kugirango Leta y'abicanyi b'Amerika irekure Kagame. Rukokoma, ati kugirango ibyo bishoboke "***n****i ukongera abantu bato bagahaguruka bagakora nk'ibyo ba Lumumba bakoraga, bakongera bagashyiraho '**un autre mouvent panafricaniste' yo gutabara 'le continent'**… ».*

Ngo « kumva ikibazo ni intambwe ikomeye mukugisubiza » neza.

Ndagusaba kugereranya ubu buhamya bwa Faustin Twagiramungu n'inyandiko nanditse hakaba hashyize imyaka ine: http://jkanya.free.fr/Texte13/ubwobabwabahutu261213.pdf

Samweli Lyarahoze, 03-07-2017